

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**Page/Urup.**

**A. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/Arrêté Ministériel**

**N°82/08.11 ryo kuwa 02/05/2011**

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amategeko ngenamikorere ya za Komite z'Abunzi.....3

**N°82/08.11 of 02/05/2011**

Ministerial Order determining internal rules and regulations of the Mediation Committees...3

**N°82/08.11 du 02/05/2011**

Arrêté Ministériel portant règlement d'ordre intérieur des Comités de Conciliateurs.....3

**B. Imiryango idaharanira inyungu/Non profit making associations/Associations sans but lucratif**

**N°19/08.11 ryo kuwa 28/02/2011**

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango «Transformational Leadership Center» kandi ryemera Abavugizi bawo.....36

**N°19/08.11 of 28/02/2011**

Ministerial Order granting legal status to the association «Transformational Leadership Center» and approving its Legal Representatives.....36

**N°19/08.11 du 28/02/2011**

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'association «Transformational Leadership Center» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....36

**N° 39/08.11 ryo kuwa 25/03/2011**

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « Holy Nation Ishyanga Ryera » kandi ryemera Abavugizi bawo.....54

**N° 39/08.11 of 25/03/2011**

Ministerial Order granting legal status to the association « Holy Nation Ishyanga Ryera » and approving its Legal Representatives.....54

**N° 39/08.11 du 25/03/2011**

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'association « Holy Nation Ishyanga Ryera » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....54

**C. Amasosiyete y'ubucuruzi/Trade Companies/Sociétés commerciales**

**SULFO RWANDA INDUSTRIES S.A :**

- Procès – Verbal de l'Assemblée Générale ordinaire tenue le 21 mars 2011 .....70

- Procès – Verbal de l'Assemblée Générale Extraordinaire tenue le 21 mars 2011 .....78

- Financial statements for the year ended 31st December 2010.....86

**HATTON AND COOKSON RWANDA LTD**

- Procès – Verbal de l'Assemblée Générale ordinaire tenue le 21 mars 2011 .....89

- Procès – Verbal de l'Assemblée Générale Extra Ordinaire tenue le 21 mars 2011 .....95

- Financial statements for the year ended 31st December 2010.....98

**RWANDAPETROLGAZ LTD :**

- Procès – Verbal de l'Assemblée Générale Extraordinaire tenue le 21 mars 2011 .....101

**D. Amakoperatives/Cooperatives/Coopératives**

-	<b>KOPISACYORU</b> .....	105
-	<b>FRIENDS OF NYUNGWE</b> .....	106
-	<b>COOTHEVM</b> .....	107
-	<b>DUTERIMBERE MU MAJYAMBERE</b> .....	108
-	<b>KOABATOMU</b> .....	109
-	<b>COPROTRABA</b> .....	110
-	<b>COREMIR</b> .....	111
-	<b>CODEN JYAMBERE MWOROZI</b> .....	112
-	<b>COCAMU</b> .....	113
-	<b>COOPWAX</b> .....	114
-	<b>TWISUNGANE KU MURIMO</b> .....	115
-	<b>TWUBAKE UBUMWE (COTU)</b> .....	116

<b>ITEKA RYA MINISITIRI N°82/08.11 RYO KUWA 02/05/2011 RISHYIRAHO AMATEGEKO NGENGAMIKORERE YA ZA KOMITE Z'ABUNZI</b>	<b>MINISTERIAL ORDER N°82/08.11 OF 02/05/2011 DETERMINING INTERNAL RULES AND REGULATIONS OF THE MEDIATION COMMITTEES</b>	<b>ARRETE MINISTERIEL N°82/08.11 DU 02/05/2011 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DES COMITES DE CONCILIEATEURS</b>
<b><u>ISHAKIRO</u></b>	<b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b>	<b><u>TABLE DES MATIERES</u></b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></b>	<b><u>CHAPITER PREMIER: DISPOSITION GENERALE</u></b>
<b><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b>	<b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b>
<b><u>UMUTWE W II: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI</u></b>	<b><u>CHAPTER II: ORGANISATION OF MEDIATION COMMITTEE</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: ORGANISATION DU COMITE DE CONCILIEATEURS</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere: Ubuyobozi bwa Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Section One: Management of Mediation Committee</u></b>	<b><u>Section première : Direction du Comité de Conciliateurs</u></b>
<b><u>Ingingo ya 2: Biro ya Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Article 2: Bureau of mediation Committee</u></b>	<b><u>Article 2 : Bureau du Comité de Conciliateurs</u></b>
<b><u>Ingingo ya 3: Inshingano y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u></b>	<b><u>Article 3: Role of the Executive Secretary</u></b>	<b><u>Article 3 : Rôle du Secrétaire Exécutif</u></b>
<b><u>Ingingo ya 4: Inshingano za buri Biro ya Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Article 4: Responsibilities of the Bureau of each Mediation Committee</u></b>	<b><u>Article 4: Attributions du Bureau de chaque Comité de Conciliateurs</u></b>
<b><u>Ingingo ya 5: Igihe inama z'abagize Biro zibera</u></b>	<b><u>Article 5: Schedule of meetings of the members of the Bureau</u></b>	<b><u>Article 5 : Périodicité des réunions des membres du Bureau</u></b>
<b><u>Ingingo ya 6: Inama y'abagize Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Article 6: Meeting of the Mediation Committees</u></b>	<b><u>Article 6 : Réunion du Comité de Conciliateurs</u></b>
<b><u>Ingingo ya 7: Isimburwa rya Perezida na Visi Perezida ba Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Article 7: Replacement of the Chairperson and Vice -Chairperson of the Mediation Committee</u></b>	<b><u>Article 7 : Remplacement du Président et du Vice-Président du Comité de Conciliateurs</u></b>

<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Imikoranire ya Komite y'Abunzi n'izindi nzego za Leta</b>	<b><u>Section 2:</u> Relationship between Mediation Committee and other State Institutions</b>	<b><u>Section 2 :</u> Relations entre le Comité de Conciliateurs et d'autres institutions de l'Etat</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Ubwigenge bwa Komite y'Abunzi n'imikoranire yayo n'izindi nzego za Leta</b>	<b><u>Article 8:</u> Independence of Mediation Committee and its relationship with other State institutions</b>	<b><u>Article 8 :</u> Indépendance du Comité de Conciliateurs et ses relations avec les autres institutions de l'Etat</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Iyangombwa bikenerwa na Komite y'Abunzi mu mikorere yayo</b>	<b><u>Article 9:</u> Requirements for the functioning of the Mediation Committee</b>	<b><u>Article 9 :</u> Moyens nécessaires au fonctionnement du Comité de Conciliateurs</b>
<b><u>UMUTWE WA III: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI</u></b>	<b><u>CHAP III: FUNCTIONNING OF THE MEDIATION COMMITTEE</u></b>	<b><u>CHAP III: FONCTIONNEMENT DU COMITE DE CONCILIEURS</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Itangwa ry'ikibazo n'itumizwa</b>	<b><u>Section One:</u> Filing a claim and summons</b>	<b><u>Section Première :</u> Introduction de la requête et convocation</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Gutanga ikibazo</b>	<b><u>Article 10:</u> Filing a Claim</b>	<b><u>Article 10 :</u> Introduction de la requête</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Kugena itariki yo kunga</b>	<b><u>Article 11:</u> Setting the date for mediation</b>	<b><u>Article 11 :</u> Détermination de la date de la séance de conciliation</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Gutumiza uregwa</b>	<b><u>Article 12:</u> Summoning the defendant</b>	<b><u>Article 12 :</u> Convocation du défendeur</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Gutanga impapuro z'itumira</b>	<b><u>Article 13:</u> Delivering summonses</b>	<b><u>Article 13 :</u> Transmission des convocations</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Iminsi y'itumizwa</b>	<b><u>Article 14:</u> Limitation of summoning</b>	<b><u>Article 14 :</u> Délais de convocation</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Kugena umunsi n'ahantu ibibazo bisuzumirwaho</b>	<b><u>Article 15:</u> Determining the day and venue for the hearing</b>	<b><u>Article 15 :</u> Détermination du jour et lieu d'audience</b>
<b><u>Ingingo ya 16 :</u> Umuburanyi utitabye ku munsi w'iburanisha</b>	<b><u>Article 16:</u> Absence of a party</b>	<b><u>Article 16 :</u> Défaut d'une partie</b>
<b><u>Icyiciro cya 2 :</u> icyemurwa ry'ibibazo</b>	<b><u>Section 2:</u> Claim settlement</b>	<b><u>Section 2 :</u> Résolution des requêtes</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Guhitamo Abunzi basuzuma ikibazo</b>	<b><u>Article 17:</u> Selecting mediators to examine the dispute</b>	<b><u>Article 17 :</u> Choix des conciliateurs devant connaître du différend</b>

<b><u>Ingingo ya 18</u></b> : Guhitamo inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize	<b><u>Article 18</u></b> : Selecting a panel to examine a dispute involving the Mediation Committee or the majority of its members	<b><u>Article 18</u></b> : Choix du siège devant connaître du différend qui concerne le Comité de Conciliateurs ou la majorité de ses membres
<b><u>Ingingo ya 19</u></b> : Kunga mu ruhame	<b><u>Article 19</u></b> : Mediation in public	<b><u>Article 19</u></b> : Publicité des séances de conciliation
<b><u>Ingingo ya 20</u></b> : Uburyo bukurikizwa mu gukemura impaka	<b><u>Article 20</u></b> : Mediation procedure	<b><u>Article 20</u></b> : Procédure de conciliation
<b><u>Ingingo ya 21</u></b> : Umutekano mu gihe cyo gukemura impaka	<b><u>Article 21</u></b> : Security during mediation	<b><u>Article 21</u></b> : Police d'audience
<b><u>Ingingo ya 22</u></b> : Imyifatire y'abafata amagambo mu gihe cyo gukemura impaka	<b><u>Article 22</u></b> : Conduct of the participants during mediation	<b><u>Article 22</u></b> : Comportement à adopter par ceux qui participent aux débats
<b><u>Ingingo ya 23</u></b> : Imvururu mu gihe cyo gukemura impaka	<b><u>Article 23</u></b> : Chaos during mediation	<b><u>Article 23</u></b> : Troubles pendant l'audience
<b><u>Ingingo ya 24</u></b> : Gufata umwanzuro ku kibazo gisuzumwa	<b><u>Article 24</u></b> : Making a decision	<b><u>Article 24</u></b> : Prise de décision
<b><u>Ingingo ya 25</u></b> : Raporo y'ibyakoze n'Inteko ya Komite y'Abunzi	<b><u>Article 25</u></b> : Report of activities of the panel of Mediators	<b><u>Article 25</u></b> : Rapport d'activités du siège du Comité de Conciliateurs
<b><u>Ingingo ya 26</u></b> : Kumenyesha umwanzuro	<b><u>Article 26</u></b> : Notification of the conclusion	<b><u>Article 26</u></b> : Notification de la conclusion
<b><u>Ingingo ya 27</u></b> : Uburyo bukoreshwa na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge mu gukemura ibibazo	<b><u>Article 27</u></b> : Procedure applicable by Mediation Committee at Sector level when mediating	<b><u>Article 27</u></b> : Procédure applicable devant le Comité de Conciliateurs au niveau de Secteur lors de la conciliation
<b><u>Icyiciro cya 3</u></b> : Kujuririra umwanzuro wafashwe n'abunzi cyangwa irangizwa ryawo	<b><u>Section 3</u></b> : Appeal against decisions made by mediators or its execution	<b><u>Section 3</u></b> : Recours contre la décision des conciliateurs ou contre son exécution
<b><u>Ingingo ya 28</u></b> : Gusubirishamo icyemezo	<b><u>Article 28</u></b> : Decision review	<b><u>Article 28</u></b> : Retracting

<b><u>Ingingo ya 29:</u> Gutambamira icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi</b>	<b><u>Article 29:</u> Third party review</b>	<b><u>Article 29 :</u> Tierce opposition</b>
<b><u>Ingingo ya 30 :</u> Kujuririra icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari</b>	<b><u>Article 30:</u> Appeal against a decision of the Mediation Committee at the Cell level</b>	<b><u>Article 30 :</u> Appel contre la décision rendue par le Comité de Conciliateurs au niveau de Cellule</b>
<b><u>Ingingo ya 31:</u> Kuregera icyemezo cyafashwe na Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge</b>	<b><u>Article 31:</u> Lodging an action against the decision made by the Mediation Committee at the Sector level</b>	<b><u>Article 31:</u> Recours contre la décision rendue par le Comité de Conciliateurs au niveau de Secteur</b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Kujuririra irangizwa ry'ibyemezo bya Komite y'Abunzi</b>	<b><u>Article 32:</u> Appeal against the execution of Mediation Committees's decisions</b>	<b><u>Article 32:</u> Recours contre l'exécution des décisions du Comité de Conciliateurs</b>
<b><u>UMUTWE WA III :</u> IMYITWARIRE Y'ABUNZI</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> CODE OF CONDUCT OF MEDIATORS</b>	<b><u>CHAPITRE III :</u> CONDUITE DES CONCILIEATEURS</b>
<b><u>Ingingo ya 33 :</u> Ibanga ry'akazi k'abunzi</b>	<b><u>Article 33:</u> Professional confidentiality of mediators</b>	<b><u>Article 33 :</u> Secret professionnel des conciliateurs</b>
<b><u>Ingingo ya 34 :</u> Inshingano z'abunzi</b>	<b><u>Article 34:</u> Mediators' responsibilities</b>	<b><u>Article 34 :</u> Responsabilités des Conciliateurs</b>
<b><u>Ingingo ya 35 :</u> Ibihano bihabwa umwunzi witwaye nabi</b>	<b><u>Article 35:</u> Sanctions awarded to a mediator who misbehaves</b>	<b><u>Article 35 :</u> Sanctions prévues à l'encontre d'un conciliateur qui a failli à ses obligations</b>
<b><u>Ingingo ya 36 :</u> Guhagarika akazi bitewe no gufungwa</b>	<b><u>Article 36:</u> Suspension of duties due to imprisonment</b>	<b><u>Article 36 :</u> Suspension de la fonction résultant de l'emprisonnement</b>
<b><u>Ingingo ya 37 :</u> Impamvu zituma umwunzi ava ku murimo</b>	<b><u>Article 37:</u> Reasons for cessation of duties of a mediator</b>	<b><u>Article 37 :</u> Causes de cessation de fonction de conciliateur</b>
<b><u>UMUTWE WA IV :</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER IV :</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 38:</u> Imanza zaregwe inkiko ariko</b>	<b><u>Article 38:</u> Cases filed with courts but which</b>	<b><u>Article 38:</u> Affaires pendantes devant les</b>

*Official Gazette n° 19 of 09/05/2011*

<b>zikaba ziri mu bubasha bwa Komite y'Abunzi</b>	<b>fall under Mediation Committee's jurisdiction</b>	<b>juridictions relevant de la compétence du Comité de Conciliateurs</b>
<b><u>Ingingo ya 39</u>: Abantu bagomba kuburanishwa na Komite y'Abunzi basanzwe bafunzwe</b>	<b><u>Article 39</u>: Persons in custody but who should appear before Mediation Committees</b>	<b><u>Article 39</u> : Personnes en état de détention devant être jugées par les Comités de Conciliateurs</b>
<b><u>Ingingo ya 40</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b>	<b><u>Article 40</u>: Repealing provision</b>	<b><u>Article 40</u>: Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 41</u>: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 41</u>: Commencement</b>	<b><u>Article 41</u>: Entrée en vigueur</b>

**ITEKA RYA MINISITIRI N°82/08.11 RYO KUWA 02/05/2011 RISHYIRAHO AMATEGEKO NGENGAMIKORERE YA ZA KOMITE Z'ABUNZI**

**MINISTERIAL ORDER N°82/08.11 OF 02/05/2011 DETERMINING INTERNAL RULES AND REGULATIONS OF THE MEDIATION COMMITTEES**

**ARRETE MINISTERIEL N°82/08.11 DU 02/05/2011 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DES COMITES DE CONCILIEATEURS**

**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;**

**The Minister of Justice/Attorney General;**

**Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121, iya 159 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121, 159 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121, 159 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n°02/2010/OL ryo kuwa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 29;

Pursuant to Organic Law n° 02/2010/OL of 09/06/2010 on organisation, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee, especially in Article 29;

Vu la Loi Organique n° 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs, spécialement en son article 29;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 122 ryo kuwa 18/10/2004 rishyiraho amategeko ngengamikorere ya za Komite z'Abunzi;

Having reviewed the Minister's Order n°122 of 18/10/2004 determining internal rules and regulations of the Mediation Committees;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 122 du 18/10/2004 portant règlement d'ordre intérieur des Comités de Conciliateurs;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 11/02/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 11/02/2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/02/2011;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**CHAPITER PREMIER: DISPOSITION GENERALE**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho amategeko ngengamikorere ya

This Order determines the internal rules and

Le présent arrêté détermine le règlement d'ordre



za Komite z'Abunzi.

regulations of the Mediation Committees.

intérieur du Comité de Conciliateurs.

**UMUTWE W II: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI**

**CHAPTER II: ORGANISATION OF MEDIATION COMMITTEE**

**CHAPITRE II: ORGANISATION DU COMITE DE CONCILIEURS**

**Icyiciro cya mbere: Ubuyobozi bwa Komite y'Abunzi**

**Section One: Management of Mediation Committee**

**Section première : Direction du Comité de Conciliateurs**

**Ingingo ya 2: Biro ya Komite y'Abunzi**

**Article 2: Bureau of mediation Committee**

**Article 2 : Bureau du Comité de Conciliateurs**

Buri Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'iyo ku rwego rw'Umurenge igira Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida batorwa na bagenzi babo. Perezida na Visi Perezida nibo bayobora Komite y'Abunzi muri rusange.

Each Mediation Committee at the Cell and Sector level shall be made up of a bureau including a Chairperson and a Vice-chairperson elected by their peers. The Chairperson and Vice-chairperson shall be the heads of the Mediation Committee in general.

Chaque Comité de Conciliateurs au niveau de cellule et de Secteur comprend un Bureau composé du Président et du Vice-Président élus par leurs pairs. Le Président et le Vice-Président dirigent le Comité de Conciliateurs en général.

Biro ya Komite y'Abunzi yihitiramo mu bagize Komite y'Abunzi uyunganira mu mirimo y'Ubwanditsi.

The Bureau of the Mediation Committee shall choose among the Mediation Committee members, a person who shall assist it in matters relating to secretariat.

Le Bureau du Comité de Conciliateurs choisit parmi les membres du Comité, la personne qui l'assiste dans les activités en rapport avec le secrétariat.

**Ingingo ya 3: Inshingano y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

**Article 3: Role of the Executive Secretary**

**Article 3 : Rôle du Secrétaire Exécutif**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we wakira ibirego bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari.

The Executive Secretary of the Cell shall receive complaints to be examined by the Mediation Committee at the Cell level.

Le Secrétaire Exécutif de Cellule reçoit les requêtes destinées au Comité de Conciliateurs au niveau de Cellule.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ni we wakira ibirego bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge.

The Executive Secretary of the Sector shall receive complaints to be examined by the Mediation Committee at the Sector level.

Le Secrétaire Exécutif de Secteur reçoit les requêtes destinées au Comité de Conciliateurs au niveau du Secteur.

Iyo abo Banyamabanga Nshingwabikorwa

In case of absence of such Executive Secretaries

En cas d'absence desdits Secrétaires Exécutifs ou

batabonetse cyangwa igihe ikirego gishyikirijwe Komite y'Abunzi kibareba cyangwa bagifitemo inyungu, ikirego cyakirwa n'ababasimbura mu kazi kabo ka buri muni.

Iyo Abanyamabanga Nshingwabikorwa cyangwa ababasimbura banze kwakira ikirego, gishyikirizwa Perezida wa Komite y'Abunzi kikamenyeshwa Inama Njyanama y'urwego bireba.

Inteko y'Abunzi iburanisha yitoramo umwanditsi wayo ugomba kuba azi gusoma no kwandika.

Nta na rimwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa uw'Umurenge ajya mu nteko iburanisha.

**Ingingo ya 4: Inshingano za buri Biro ya Komite y'Abunzi**

Biro ya buri Komite y'Abunzi ishinzwe gukurikirana muri rusange imirimo ya Komite z'Abunzi. Igenzura imikorere n'imyitwarire y'abagize Komite y'Abunzi.

Biro ya Komite y'Abunzi ifite uburenganzira bwo guhoza ijisho ku bandi bunzi bagize Komite y'Abunzi n'ubwo kubagenzura. Ku bw'ibyo, ishobora kubaha amabwiriza yose n'izindi nama za ngombwa birebana n'imigendekere myiza y'akazi, ntibituma ariko bagira ububasha bwo gutekegeka abagize inteko uburyo bagomba gukemura ikibazo bashyikirijwe.

or when the case submitted concerns them or where they have an interest in such a matter, it shall be received by the persons who replace them in their daily activities.

When the Executive Secretaries or persons who replace them refuse to receive the complaint, it shall be submitted to the Chairperson of the Mediation Committee and the Council of the concerned level shall be informed thereof.

The panel of Mediators shall choose among its members a Secretary who shall be literate.

In no case shall the Executive Secretary of the Cell or Sector be one of the panel members.

**Article 4: Responsibilities of the Bureau of each Mediation Committee**

The Bureau of each Mediation Committee shall be responsible for the overall supervision of the activities of the Mediation Committee. It shall oversee the functioning and discipline of the members of the Mediation Committee.

The Bureau shall closely watch over the other members of the Mediation Committee. For that purpose, it may give them all guidelines and advice required for the smooth functioning of their Committee without influencing them in any way in settling litigation brought before them.

s'ils sont impliqués dans l'affaire en état ou y ont un intérêt quelconque, la requête est reçue par ceux qui les remplacent dans l'accomplissement de leurs tâches quotidiennes.

En cas de refus de réception de la requête par les Secrétaires Exécutifs ou leurs remplaçants, la requête est remise au Président du Comité de Conciliateurs et notifiée au Conseil de l'entité concernée.

Le siège des Conciliateurs choisit en son sein un secrétaire qui doit savoir lire et écrire.

En aucun cas, le Secrétaire Exécutif de Cellule ou de Secteur ne peut faire partie du siège des Conciliateurs.

**Article 4: Attributions du Bureau de chaque Comité de Conciliateurs**

Le Bureau de chaque Comité de Conciliateurs est chargé de surveiller d'une façon générale les activités du Comité de Conciliateurs. Il surveille le fonctionnement et la discipline des membres du Comité de Conciliateurs.

Le Bureau surveille de près les autres membres du Comité de Conciliateurs. A cette fin, il peut leur donner tous les directives et conseils nécessaires à la bonne marche de leur travail, sans toutefois les influencer à concilier d'une façon ou d'une autre les parties aux litiges qui leur sont soumis.

Biro yandika kandi impapuro zose zirebana n'imikorere ya Komite y'Abunzi.

The Bureau shall write all documents relating to the functioning of the Mediation Committee.

Le Bureau rédige tous les documents en rapport avec le fonctionnement du Comité de Conciliateurs.

**Ingingo ya 5: Igihe inama z'abagize Biro zibera**

**Article 5: Schedule of meetings of the members of the Bureau**

**Article 5 : Périodicité des réunions des membres du Bureau**

Buri kwezi n'ikindi gihe bibaye ngombwa, Perezida wa Biro ya Komite y'Abunzi atumiza kandi akayobora inama ihuza abagize Komite y'Abunzi kugira ngo bungurane ibitekerezo mu migendekere y'akazi.

Each month, and as often as it is deemed necessary, the Chairman of the Bureau shall convene and preside over the meeting of Mediation committee members in order to address issues relating to the smooth functioning of the Committee.

Chaque mois et autant de fois que nécessaire, le Président du Bureau convoque et dirige la réunion des membres du Comité de Conciliateurs pour débattre des problèmes relatifs à la bonne marche du travail.

**Ingingo ya 6: Inama y'abagize Komite y'Abunzi**

**Article 6: Meeting of the Mediation Committees**

**Article 6 : Réunion du Comité de Conciliateurs**

Inama ihuza abagize Komite y'Abunzi iterana nibura hari 2/3 by'abayigize. Iyo uwo mubare utuzuye, inama irasubikwa, ikongerana guterana no gufata ibyemezo bya ngombwa habonetse nibura abagize Komite y'Abunzi batanu (5). Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bigafatwa ku bwiganze busesuye bw'abitabiriye inama.

The Mediation Committee can only convene legitimately when at least 2/3 of its members are present. Where this quorum is not present the meeting shall be postponed. When convened for the second time, the meeting of the Mediation Committee shall make decision legitimately when at least five (5) of its members are present. Decisions shall be made by consensus, or if not possible, by absolute majority of members present.

Le Comité de Conciliateurs ne se réunit valablement que si au moins les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Lorsque ce quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée. La réunion du Comité de Conciliateurs convoquée de nouveau prend valablement des décisions si au moins cinq (5) de ses membres sont présents. Les décisions sont prises par consensus, et à défaut, à la majorité absolue des membres présents.

**Ingingo ya 7: Isimburwa rya Perezida na Visi Perezida ba Komite y'Abunzi**

**Article 7: Replacement of the Chairperson and Vice-Chairperson of the Mediation Committee**

**Article 7 : Remplacement du Président et du Vice-Président du Comité de Conciliateurs**

Mu gihe Perezida wa Komite y'Abunzi atabonetse cyangwa yagize izindi nzitizi, asimburwa mu mirimo ye na Visi Perezida. Igihe Visi Perezida abuze cyangwa agize izindi nzitizi, ufite uburambe

In case he/she is absent or unable, the Chairperson shall be replaced by the Vice-chairperson and in case the Vice-chairperson is absent or unable, the most senior member in the Mediation Committee

En cas d'absence ou d'empêchement, le Président est remplacé par le Vice-Président ; et en cas d'absence ou d'empêchement de ce dernier, le membre le plus ancien dans les

buruta ubw'abandi mu kazi k'ubwunzi ni we uyobora inama. Iyo hari abanganya uburamba ubakuriye mu myaka ni we uyobora inama.

**Icyiciro cya 2: Imikoranire ya Komite y'Abunzi n'izindi nzego za Leta**

**Ingingo ya 8: Ubwigenge bwa Komite y'Abunzi n'imikoranire yayo n'izindi nzego za Leta**

Komite y'Abunzi ikorera mu bwigenge busesuye, itavugirwamo n'abayobozi b'inzego z'ibanze n'abandi bayobozi bo mu butegetsi bwite bwa Leta n'ab'ubucamanza, abakozi bo mu Bunyamabanga bushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite z'Abunzi cyangwa undi wese. Ntishobora guhabwa amabwiriza n'izindi nzego.

Cyakora, mu rwego rw'ubwuzuzanye n'izindi nzego za Leta, Perezida wa Biro ya Komite y'Abunzi agomba guharanira ko habaho imikoranire myiza hagati ya Komite y'Abunzi ahagarariye n'izindi nzego za Leta. Ni muri urwo rwego, buri kwezi, akorera raporo Ubunyamabanga bushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite z'Abunzi ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali n'Inama Njyanama y'Umurenge asobanura neza ibibazo Komite yashyikirijwe, ibimaze gusuzumwa n'ibisigajye kwigwa.

Ubunyamabanga ku rwego rw'Intara/Umujyi wa

shall preside over the meeting. In case of equality of seniority, the oldest member of the Mediation Committee shall preside over the meeting.

**Section 2: Relationship between Mediation Committee and other State Institutions**

**Article 8: Independence of Mediation Committee and its relationship with other State institutions**

Mediation Committee shall be independent in carrying out its duties. It shall neither be influenced by local administrative authorities, central government authorities and those from the judicial power, staff of the Secretariat in charge of coordinating activities of Mediation Committees nor any other person. It shall not receive orders from any other institutions.

However, for the purpose of complementarity with other State institutions, the Chairperson of the Bureau of the Mediation Committee shall promote good relationship between the committee that he/she represents and other State institutions. In this regard, he/she shall prepare a monthly report on registered cases as settled or ongoing, for the Secretariat in charge of coordinating activities of Mediation Committees at the Provincial level/Kigali City and the Sector Council.

The Secretariat in charge of coordinating activities

fonctions de conciliation dirige la réunion. En cas de parité d'ancienneté, la préséance est donnée au plus âgé.

**Section 2 : Relations entre le Comité de Conciliateurs et d'autres institutions de l'Etat**

**Article 8 : Indépendance du Comité de Conciliateurs et ses relations avec les autres institutions de l'Etat**

Le Comité de Conciliateurs est indépendant dans l'exercice de ses fonctions. Il ne peut être influencé ni par les autorités administratives de base, ni par les autorités de l'Administration Centrale, ni par celles du Pouvoir Judiciaire ni par le Secrétariat chargé de la coordination des activités des Comités des Conciliateurs ni par qui que ce soit. Il ne peut recevoir d'injonction d'autres institutions.

Toutefois, dans le cadre de la complémentarité avec d'autres institutions de l'Etat, le Président du Bureau du Comité de Conciliateurs doit veiller à entretenir de bonnes relations entre le Comité qu'il représente et d'autres institutions de l'Etat. A cet effet, il prépare chaque mois à l'intention du Secrétariat chargé de la coordination des activités des Comités des Conciliateurs au niveau de Province/Ville de Kigali et du Conseil de Secteur un rapport présentant le bilan des cas enregistrés, ceux examinés et ceux toujours en cours.

Le Secrétariat chargé de la coordination des

Kigali bumenyesha raporo ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo Ubunyamabanga bushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite z'Abunzi ku rwego rw'Igihugu naho Njyanama y'Umurenge ikayimenyesha abayobozi b'Akarere.

Perezida wa Komite y'Abunzi ashobora kandi, mu gihe cyose bibaye ngombwa, kugeza ku bayobozi bo mu ifasi akoreramo, amakuru yose ya ngombwa arebana n'imirimo yabo igihe cyose abona ko gutangaza ayo makuru ntaho bibangamiye ibanga ry'akazi cyangwa ihame ry'ubwigenge.

**Ingingo ya 9: Ibyangombwa bikenerwa na Komite y'Abunzi mu mikorere yayo**

Ibyangombwa Komite y'Abunzi ikenera kugira ngo itunganye inshingano zayo ibigenerwa n'Ubunyamabanga bushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite y'Abunzi binyuze k'umukozi wabwo ubuhagarariye ku rwego rw'Intara/Umujiyi wa Kigali.

**UMUTWE WA III: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI**

**Icyiciro cya mbere: Itangwa ry'ikibazo n'itumizwa**

**Ingingo ya 10: Gutanga ikibazo**

Komite y'Abunzi ishyikirizwa ikibazo mu mvugo cyangwa mu nyandiko n'urega ubwe cyangwa undi

of Mediation Committees at the Provincial / Kigali City level shall in turn forward the report mentioned in the paragraph 2 of this Article to the Secretariat in charge of coordinating activities of Mediation Committees at the national level while the Sector Council shall forward it to the District authorities.

The Chairperson of the Bureau of Mediation Committee may also at any time if necessary, provide the authorities of his/her jurisdiction with any information deemed useful in the work of the Committee, provided that the professional secrecy or the principle of independence is protected.

**Article 9: Requirements for the functioning of the Mediation Committee**

Requirements for the smooth functioning of the Mediation Committee shall be provided by the Secretariat in charge of coordinating activities of Mediation Committees through its representative at the Provincial level/Kigali City.

**CHAP III: FUNCTIONNING OF THE MEDIATION COMMITTEE**

**Section One: Filing a claim and summons**

**Article 10: Filing a Claim**

Each claim shall be filed in writing or orally. It may be forwarded to the Mediation Committee by

activités des Comités des Conciliateurs au niveau de Province/Ville de Kigali transmet à son tour le rapport mentionné à l'alinéa 2 du présent article au Secrétariat chargé de la coordination des activités des Comités des Conciliateurs au niveau national tandis que le Conseil de Secteur le transmet aux autorités du District .

Le Président du Bureau du Comité de Conciliateurs peut aussi, en cas de nécessité, fournir aux autorités de son ressort toute information utile relative au travail du Comité à condition de ne pas compromettre le secret professionnel ou le principe de l'indépendance.

**Article 9 : Moyens nécessaires au fonctionnement du Comité de Conciliateurs**

Les moyens nécessaires au bon fonctionnement du Comité de Conciliateurs sont fournis par le Secrétariat chargé de la coordination des activités des Comités de Conciliateurs par l'intermédiaire de son représentant au niveau de Province/Ville de Kigali.

**CHAP III : FONCTIONNEMENT DU COMITE DE CONCILIEATEURS**

**Section première : Introduction de la requête et convocation**

**Article 10 : Introduction de la requête**

La requête est introduite au Comité de Conciliateurs par écrit ou verbalement. Elle peut

umuhagarariye yahaye uburenganzira bwanditse cyangwa bufite ababuhamya.

the plaintiff or his/her representative with written authorization or confirmed by witnesses.

être déposée par le demandeur ou son représentant muni d'un mandat écrit ou qui peut être attesté par des témoignages.

Komite y'Abunzi ntiburanisha ibirego birimo urega n'uregwa badatuye cyangwa ngo babarizwe mu ifasi ikoreramo.

The Mediation Committee shall not have jurisdiction to examine matters in which both parties do not reside or have their domicile in its jurisdiction

Le Comité de Conciliateurs n'est pas compétent pour connaître des affaires dans lesquelles la partie défenderesse et la partie demanderesse ne sont pas domiciliées ou ne résident pas dans son ressort.

Mu gihe abafitanye ikibazo bombi badatuye cyangwa babarizwa mu ifasi imwe ya Komite y'Abunzi, ikibazo gishyikirizwa inkiko cyangwa inzego z'Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha Bukuru zibifitiye ububasha.

Where both parties do not reside or have their domicile in the same Mediation Committee jurisdiction, the claim shall be submitted to competent Courts or organs of the Judicial Police and the National Public Prosecution Authority.

Lorsque les deux parties ne résident pas ou ne sont pas domiciliées dans un même ressort du Comité de Conciliateurs, les affaires sont portées devant les tribunaux ou les organes de la Police Judiciaire ou de l'Organe National de Poursuite Judiciaire compétents.

Nta na rimwe Komite y'Abunzi ishobora kugezwaho ibibazo birimo Leta, inzego zayo cyangwa imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa ibitari ibya Leta.

In no case shall the Mediation Committee receive complaints involving the State, its entities or associations or companies with legal personality whether private or public.

En aucun cas, le Comité de Conciliateurs ne peut connaître des affaires impliquant l'Etat et ses entités ainsi que des associations ou sociétés tant publiques que privées dotées de la personnalité juridique.

### **Ingingo ya 11: Kugena itariki yo kunga**

### **Article 11: Setting the date for mediation**

### **Article 11: Détermination de la date de la séance de conciliation**

Biro ya Komite y'Abunzi itegura gahunda y'iminsi yo kunga abafitanye ikibazo hakurikijwe uko ibibazo byagiye byandikwa mu gitabo cy'ibibazo cya Komite y'Abunzi. Yibanda cyane ku mbogamizi fatizo zifitanye isano no kuboneka kw'abagize inteko no ku miterere ya Komite z'Abunzi muri rusange.

The Bureau of the Mediation Committee shall draw up the agenda for mediation hearing in accordance with the chronological order of the registration of claims. It shall pay more attention especially to major constraints relating to availability of the Mediation Committee members and to the internal organization of the Mediation Committees in general.

Le Bureau du Comité de Conciliateurs établit l'horaire des séances de conciliations suivant l'ordre chronologique d'enregistrement des requêtes. Il tient davantage compte des contraintes majeures liées à la disponibilité des membres du Comité de Conciliateurs et de façon générale, de la structure interne des Comités de Conciliateurs.

Icyakora, Abunzi bagomba kuba bakemuye ikibazo mu gihe kitarenze ukwezi uhereye igihe ikibazo cyandikiwe mu gitabo cy'ibibazo cya Komite y'Abunzi.

### **Ingingo ya 12: Gutumiza uregwa**

Ikirego kimaze gutangwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa w'Umurenge yuzuzwa impapuro zisobanura mu ncamake imiterere y'ikibazo akazishyikiriza Biro ya Komite y'Abunzi kugira ngo itumize uregwa kandi igene ahantu, umunsi n'isaha ikibazo kizasuzumirwaho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa w'Umurenge utubahirije inshingano ze mu bijyanye n'imirimu ya Komite y'Abunzi, abibazwa n'umukuriye mu kazi ke ashingiye kuri raporo yatanze na Biro ya Komite y'Abunzi bireba.

Biro ya Komite y'Abunzi imaze kubona impapuro zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ihita itumiza abafitanye ibibazo bose ngo bazitabe ku munsi, isaha n'ahantu byateganirijwe kumva ikibazo kibareba.

Urupapuro rutumiza uregwa rukorwamo inyandiko ebyiri kandi rugasobanura mu magambo ahinnye uko ikibazo giteye.

Biro ya Komite y'Abunzi bireba ifata ibyemezo byose bya ngombwa kugirango inyandiko zihamagaza abafitanye ibibazo zibagereho.

However, mediators must settle the litigation within one month from the day the litigation is registered in the register of Mediation Committee's case.

### **Article 12: Summoning the defendant**

After registration of the claim, the Cell or Sector Executive Secretary shall fill forms which contain a brief description of the case and submit them to the Bureau of the Mediation Committee in order to summon the defendant and decide on the venue, the day and the time of hearing the case.

The Cell or Sector Executive Secretary who does not fulfil his/her duties shall be accountable to his/her superior on the basis of a report submitted by the concerned Bureau of the Mediation Committee.

The Bureau of the Mediation Committee after receiving the forms mentioned in the paragraph One of this Article, shall invite all concerned parties to appear on the date, time and venue set for the hearing.

The summons to defendant shall be made in two copies and briefly describes the litigation.

The Bureau of the Mediation Committee concerned shall take all necessary measures to ensure that summonses are delivered to the concerned parties.

Toutefois, les conciliateurs doivent avoir rendu leur décision au plus tard dans un mois à compter de la date d'enregistrement de la requête au rôle du Comité de Conciliateurs.

### **Article 12 : Convocation du défendeur**

Après l'enregistrement de la requête, le Secrétaire Exécutif remplit immédiatement les formulaires qui en précisent sommairement l'objet et les transmet au Bureau du Comité de Conciliateurs à l'effet de convoquer le défendeur en indiquant le lieu, le jour et l'heure de l'examen de la requête.

Le Secrétaire Exécutif qui ne remplit pas ses devoirs est responsable devant son supérieur hiérarchique sur base d'un rapport établi par le Bureau du Comité de Conciliateurs.

Après réception des formulaires invoqués à l'alinéa premier du présent article, le Bureau du Comité de Conciliateurs invite immédiatement toutes les parties en cause à se présenter à la date, heure et lieu prévus pour l'audience.

La convocation du défendeur est faite en deux exemplaires et présente sommairement l'objet du litige.

Le Bureau du Comité de Conciliateurs concerné prend toute mesure nécessaire pour que les convocations parviennent aux destinataires.

**Ingingo ya 13: Gutanga impapuro z'itumira**

Biro ya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari cyangwa Umurenge yisunga inzego z'ubutegetsi ziyegereye cyangwa z'aho ikorera mu gihe yohera impapuro zitumira uregwa. Inzego z'ubutegetsi ziyambajwe zigarura kopi y'urupapuro rutumira iriho umukono wemeza ko rwageze kuri nyirarwo igashyikirizwa Komite y'Abunzi.

Biro ya Komite y'Abunzi itanga urupapuro rutumira ku biro by'Akagari cyangwa by'Umurenge uwatumijwe atuyemo cyangwa abarizwamo cyangwa mu bunyamabanga bw'urwego rumukoresha niba ari umukozi. Ubuyobozi bw'aho akora bushinzwe kurumugezaho.

**Ingingo ya 14: Iminsi y'itumizwa**

Urupapuro rutumira uregwa rugomba kugera kuwo rugenewe nibura mu minsi ibiri (2) y'akazi, iri hagati y'umunsi rwakiriweho n'uwo kwitaba.

**Ingingo ya 15: Kugena umunsi n'ahantu ibibazo bisuzumirwaho**

Biro ya Komite y'Abunzi ishyiraho mu cyumweru, umunsi umwe cyangwa myinshi ibibazo bisuzumirwaho. Igena ahantu Komite y'Abunzi isuzumira ibibazo.

**Article 13: Delivering summonses**

The Bureau of the Mediation Committee at the Cell or Sector level shall be assisted by the nearest local administrative entities or the administrative entities in the Mediation Committee's Jurisdiction in delivering summonses. The administrative entities shall return a copy of the summons with the acknowledgment of receipt signed by the summoned person to the Mediation Committee.

The Bureau of the Mediation Committee shall deliver the summon to the defendant to the Bureau of the Cell or the Sector in which he/she resides or domicile or at the Secretariat of the institution where the summoned person works in case he/she is an employee. The management of the institution shall be required to deliver the summons to the defendant.

**Article 14: Limitation of summoning**

The summons must reach the concerned party at least two (2) working days between the date of reception and appearance.

**Article 15: Determining the day and venue for the hearing**

The Bureau of the Mediation Committee shall set one or several days per week for the hearing. It shall determine the venues for the hearing.

**Article 13 : Transmission des convocations**

Le Bureau du Comité de Conciliateurs au niveau de Cellule ou de Secteur se fait aider par les institutions administratives de base qui lui sont proches ou par celles du ressort du Comité de Conciliateurs dans la transmission des convocations. La convocation est envoyée en deux exemplaires dont une copie doit revenir au Comité de Conciliateurs avec accusé de réception constatée par la signature de la personne convoquée.

La convocation du défendeur est déposée au Bureau de la Cellule ou du Secteur de sa résidence ou de son domicile ou au secrétariat de l'organe où il travaille s'il s'agit d'un employé. La Direction est tenue de lui remettre la convocation.

**Article 14 : Délais de convocation**

La convocation doit parvenir au destinataire au moins deux (2) jours de travail entre la date de la réception et celle de la comparution.

**Article 15 : Détermination du jour et lieu d'audience**

Le Bureau du Comité de Conciliateurs détermine un ou plusieurs jours d'audience par semaine. Il détermine également le lieu d'audience.



Komite y'Abunzi isuzuma ibibazo nibura rimwe mu cyumweru.

**Ingingo ya 16 : Umuburanyi utitabye ku muni w'iburanisha**

Abunzi birinda uko bishoboka kose gusuzuma ikibazo abafitanye ikibazo bose badahari.

Iyo ku muni wo kwitaba uwatumijwe atitabye, arongeraga agatumizwa, akanamenyeshwa ko ku muni atumijweho, abunzi bazafata umwanzuro yaba yitabye cyangwa atitabye.

Iyo na none ku muni yahawe wo kwitaba uwatumijwe yongeye kutitaba abunzi basuzuma ikibazo adahari.

Icyakora, iyo basanze impamvu yatumye atitaba ifite ishingiro, bashobora kwimurira isuzumwa ry'ikibazo ku wundi muni bagena, bakabimumenyeshya mu buryo buteganywa mu gika cya kabiri cy'iyi ingingo.

Ibivugwa muri iyi ngingo ni na byo bikurikizwa mu gihe uwareze ari we utitabye.

The Mediation Committee shall hold at least one hearing per week.

**Article 16: Default of a party**

Mediators shall as possible refrain from hearing any dispute in the absence of the parties thereto.

Where on the day of appearance, the person summoned fails to appear, he/she shall be re-summoned and shall be notified that at the new date, mediators shall take their decision over the matter whether or not he/she appears.

Where again, the party summoned fails to appear on the set date, the mediators shall hear the dispute in the absence of the party summoned.

However, where the summoned party fails to appear for justifiable reasons, the Mediators may postpone the matter to another date and shall notify him/her thereof in the manner provided for in paragraph 2 of this Article.

The provisions of this Article shall also apply in the case of the plaintiff's failure to appear.

Le Comité de Conciliateurs tient au moins une audience par semaine.

**Article 16 : Défaut d'une partie**

Les conciliateurs évitent dans la mesure du possible d'examiner le différend en l'absence des parties.

Lorsqu'au jour de la comparution la personne convoquée ne comparait pas, il est procédé à une nouvelle convocation, qui lui précise qu'à la nouvelle date, les conciliateurs prendront leur décision sur l'affaire que la personne ait comparu ou non.

Lorsqu'une fois de plus, la partie convoquée ne comparait pas au jour fixé, les conciliateurs procèdent à l'examen du différend en l'absence de la personne convoquée.

Toutefois, lorsqu'une partie n'a pas comparu pour des motifs jugés fondés, les conciliateurs peuvent remettre l'examen de l'affaire à une date qu'ils fixent et la lui notifient conformément à l'alinéa 2 du présent article.

Les dispositions du présent article s'appliquent également en cas de défaut de la partie demanderesse.

**Icyiciro cya 2 : icyemurwa ry'ibibazo**

**Ingingo ya 17: Guhitamo Abunzi basuzuma ikibazo**

Mbere y'uko iburanisha ritangira, abafitanye ikibazo babanza guhitamo abunzi batatu (3) bashyikiriza ikibazo cyabo.

Iyo abafitanye ikibazo badashoboye kumvikana ku bunzi bashyikiriza ikibazo cyabo, buri wese ahitamo umwunzi umwe, aba nabo bakumvikana ku wa gatatu.

Iyo abafitanye ikibazo bahuriye ku mwunzi umwe, uyu atoranya muri Komite y'Abunzi babiri (2) bo kumufasha.

Iyo abunzi bafashe icyemezo cyo gusuzuma ikibazo uwatumijwe adahari, uwatanze ikibazo ahitamo umwunzi, Komite y'Abunzi nayo igahitamo undi abo bunzi nabo bakumvikana ku wa gatatu.

Iyo abunzi babiri (2) batoranijwe badashoboye kumvikana ku mwunzi wa gatatu (3), Perezida wa Biro ya Komite yihitiramo umwe.

Umwunzi urusha abandi uburambe mu kazi k'ubwunzi muri abo batatu (3) batowe ni we uba Perezida w'Inteko. Mu gihe hari abanganya uburambe umukuru mu myaka muri abo batatu (3) ni we uba Perezida w'Inteko.

**Section 2: Claim settlement**

**Article 17: Selecting mediators to examine the dispute**

Before hearing commences, parties shall agree on three (3) mediators to whom they shall refer their dispute.

Where parties disagree on mediators, each party shall select one mediator and the selected mediators later agree on the third one.

Where parties have agreed on one mediator, the latter shall select the other two mediators from the Mediation Committee to seat with him.

Where mediators decide to settle a claim in the absence of the party summoned, the claimant shall select a mediator, the Mediation Committee shall also select the second and the two mediators shall agree on the third one to hear together the dispute.

When the two selected mediators do not agree on the third mediator, the Chairperson of the Bureau of the Committee shall select one.

The most senior mediator selected shall chair the panel. In case of equality of seniority, the oldest of the three (3) mediators shall chair the panel.

**Section 2 : Resolution des requêtes**

**Article 17 : Choix des conciliateurs devant connaître du différend**

Avant le début de l'audience, les parties en conflit se conviennent sur trois (3) conciliateurs auxquels ils soumettent leur différend.

Lorsque les parties ne parviennent pas à se mettre d'accord sur les conciliateurs, chacune choisit de son côté un conciliateur. Les conciliateurs retenus choisissent le troisième.

Lorsque les parties se sont mises d'accord sur un seul conciliateur, ce dernier choisit les deux autres au sein du Comité de Conciliateurs pour siéger avec lui.

Lorsque les conciliateurs décident de résoudre le différend au défaut de la partie convoquée, le requérant choisit un conciliateur, le Comité de Conciliateurs en choisit un deuxième et les deux conciliateurs se conviennent sur le troisième.

Lorsque les deux conciliateurs choisis ne parviennent pas à se mettre d'accord sur un troisième, le Président du Bureau du Comité choisit un.

Le conciliateur le plus ancien dans les fonctions de conciliation, parmi les trois (3) choisis est de droit le président du siège. En cas de parité d'ancienneté, la préséance est donnée au plus âgé.

Iyo ikibazo gisuzumwa kireba umupolisi cyangwa umusirikari, uhagarariye urwego rwa Polisi cyangwa urwa Gisirikari rukorera hafi ashobora kunganira Inteko y'Abunzi mu byo yamwiyambazamo byose.

**Ingingo ya 18: Guhitamo inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize**

Abantu bafunzwe kubera imanza zabo zari zarashyikirijwe inkiko, ariko zikaba zigomba kugaruka muri Komite z'Abunzi hashingiwe ku bubasha buteganyijwe mu Itegeko Ngenga n°02/2010/OL ryo kuwa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi bakurikiranwa badafunzwe.

Persons incustody whose cases are already in Courts but which should be refered to in the Mediation Committees pursuant to the powers under Organic Law n° 02/2010/OL of 09/06/2010 on organisation, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee, shall be prosecuted while out of detention.

Les personnes détenues suite aux affaires pendantes devant les tribunaux mais qui doivent être portées devant le Comité de Conciliateurs sur base de compétence prévue par la Loi Organique n° 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité de Conciliateurs sont jugées en étant en situation de liberté.

**Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri n° 122 ryo ku wa 18/10/2004 rishyiraho amategeko ngenyamikorere ya za Komite z'Abunzi kimwe n'izindi ngingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.

**Ingingo ya 41: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 02/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 40: Repealing provision**

The Ministerial Order n° 122 of 18/10/2004 determining internal rules and regulations of the Mediation Committees and all other prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 41: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 40: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté Ministériel n° 122 du 18/10/2004 portant règlement d'ordre intérieur des Comités de Conciliateurs ainsi que toutes les autres dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 41: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI N°19/08.11 RYO KUWA 28/02/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N°19/08.11 OF 28/02/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N°19/08.11 DU 28/02/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX**

**Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,**

**The Minister of Justice/ Attorney General,**

**Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n°27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 17/01/2011;

On request lodged by the Legal Representative of the association «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» on 17/01/2011;

Sur requête du Représentant Légal de l'association «TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER» reçu le 17/01/2011;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro by'Umuryango**

Ubuzimagatozi buhawe Umuryango «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**» ufite icyicaro mu Karere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango**

Intego z'umuryango ni izi zikurikira:

1. Gutanga inyigisho z'Ijambo ry'Imana hirya no hino (T.E.E) n'izindi nyigisho zigamije guteza imbere imiyoborere myiza, gukangurira kurwanya ubukene no gutera inkunga ibikorwa by'iterambere mu matorero no mu miryango ya gikristo.
2. Gutanga inyigisho n'imfashanyigisho mu byerekeye ubuyobozi n'imiyoborere myiza. mu matorero n'imiryango ya gikristo.
3. Kwimakaza umuco w'amahoro no gukemura amakimbirane mu matorero no mu miryango ya gikristo no guteza imbere umuco wo gusoma mu bana.

**Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango**

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'Umuryango «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**» ni **Bwana NEMEYIMANA Alexis**, umunyarwanda uba mu Murenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali.

**Article One: Name and Head Office of the Association**

Legal status is hereby granted to the «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**» situate at Kicukiro District, Kigali City.

**Article 2: Objectives of the Association**

The objectives of the organization are:

1. To provide Theological Education by Extension (T.E.E.) teachings and other teachings related to good governance, mobilization for poverty reduction and supporting development initiatives in churches and Christian organizations.
2. To provide manuals and guides for appropriate leadership training in churches and Christian organization.
3. To promote the culture of peace and conflicts transformation among churches and Christian organizations and promoting the culture of reading for the children.

**Article 3: Legal Representatives**

**Mr NEMEYIMANA Alexis**, of Rwandan Nationality, residing in Kagarama Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**».

**Article premier: Dénomination et siège de l'association**

La personnalité civile est accordée à l'association «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**» dont le siège est dans le District de Kicukiro, Ville de Kigali.

**Article 2 : Objectifs de l'association**

Les objectifs de l'organisation sont les suivants :

1. Donner des enseignements Théologique décentralisés (E.T.D.) et d'autres enseignements relatifs à la bonne gouvernance, mobilisation à lutter contre la pauvreté et soutenir les initiatives de développement au sein des églises et des organisations chrétiennes.
2. Donner de manuels de formation appropriés pour le leadership des églises et des organisations chrétiennes.
3. Promouvoir la culture de la paix et règlement des conflits au sein des églises et organisation chrétiennes et de promouvoir la culture de la lecture chez les enfants.

**Article 3 : Représentants Légaux**

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'association «**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER**» **Monsieur NEMEYIMANA Alexis**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Kagarama, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

*Official Gazette n° 19 of 09/05/2011*

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'uwo muryango ni **Bwana NYAMWEMA John Israel** Umunyarwanda uba mu Murenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu, mu Intara y'Uburengerazuba.

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa **28/02/2011**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta

**Mr NYAMWEMA John Israel**, of Rwandan nationality, residing in Kanzenze Sector, Rubavu District, in Western Province, is hereby authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **28/02/2011**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur NYAMWEMA John Israel**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Kanzenze, District de Rubavu, dans la Province de l'Ouest.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **28/02/2011**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

**ISHYIRAHAMWE RIDAHARANIRA  
INYUNGU:  
TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP  
CENTER**

**AMATEGEKO SHINGIRO**

**UMUTWE WA MBERE:  
IZINA, INTEBE, IGIHE N'INTEGO**

**Ingingo ya 1:**

Abashyize umukono kuri aya mategeko bashinze Umuryango witwa “ TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER” ugengwa n’aya mategeko shingiro hakurikijwe Itegeko N°20/2000 ryo ku wa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu mu Rwanda.

**Ingingo ya 2:**

Icyicaro cy’umuryango gishinzwe mu Karere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe na 2/3 by’abagize Inteko Rusange.

**Ingingo ya 3:**

Umuryango ukorera imirimo yawo mu turere twose tw’u Rwanda.

Igihe uzamara ntikigenwe.

**ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF :**

**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP  
CENTER**

**STATUTS**

**CHAPITRE PREMIER:**

**DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET  
OBJET**

**Article 1 :**

Il est constitué entre les signataires des présents statuts, une organisation dénommée « TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER», régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N° 20/2000 du 26 juillet 2000 régissant les organisations sans but lucratif au Rwanda.

**Article 2 :**

Le siège de l’organisation est établi dans le District de Kicukiro, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision des 2/3 des participants à l’Assemblée Générale.

**Article 3 :**

L’association exerce ses activités dans tous les Districts de la République du Rwanda.

Elle est créée pour une durée indéterminée.

**NON PROFIT MAKING ASSOCIATION :**

**TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP  
CENTER**

**STATUTES**

**SECTION ONE:**

**NAME, HEADQUARTERS, PERIOD  
AND OBJECTIVES**

**Article 1:**

The signatories of these statutes have created a non profit making organization called “TRANSFORMATIONAL LEADERSHIP CENTER” referring to the law No 20/2000 of July 26<sup>th</sup> 2000 governing non profit making organizations.

**Article 2**

The headquarters of the organization are established in the District of Kicukiro, City of Kigali. It can be transferred at any other location in Rwanda following a decision of 2/3 of participants to the General Assembly.

**Article 3:**

The association operates at the whole territory of the Republic of Rwanda.

It is created for an undefined period of time.

**Ingingo ya 4:**

Intego z'umuryango ni izi zikurikira:

1. Gutanga inyigisho z'Ijambo ry'Imana hirya (T.E.E.) n'izindi nyigisho zigamije guteza imbere imiyoborere myiza, gukangurira kurwanya ubukene no gutera inkunga ibkorwa byitera mbere mu matorero no mu miryango ya gikristo.
2. Gutanga inyisho n'imfashanyigisho mu byerekeye ubuyobo n'imiyoborere myiza, mu matorero n'imiryango ya gikristo.
3. Kwimakaza umuco w'amhoro no gukemura amakimbirane mu matorero no mu miryango ya gikristo no guteza imbere umuco wo gusoma mu bana.

**Article 4:**

Les objectifs de l'organisation sont les suivants:

1. Donner des enseignements théologique Décentralise (E.T.D) et d'autres enseignements relatifs à la bonne gouvernance, mobilization á lutter contre la pauvreté et soutenir les initiatives de développement au sein des églises et des organisations chrétiennes.
2. Donner des manuels de formation appropriés pour le leadership des églises et des organisations chrétiennes.
3. Promouvoir la culture de la paix et de la resolution des conflits au sein des églises et organisations chrétiennes et de promouvoir la culture de la lecture aux enfants.

**Article 4:**

The objectives of the organization are:

1. To provide Theological Education by Extension (T.E.E.) teachings and other teachings related to good governance, mobilization for poverty reduction and supporting development initiatives in churches and Christian organizations.
2. To provide manuals and guides for appropriate leadership training in churches and Christian organizations.
3. To promote the culture of Peace and conflicts resolution among churches and Christian organizations and promoting the culture of reading for the children.



**UMUTWE WA II:**  
**ABANYAMURYANGO**

**Ingingo ya 5:**

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze ari bo bashyize umukono kuri aya mategeko, abazawinjiramo hanyuma bujuje ibisabwa n'amategeko, n'abanyamuryango b'icyubahiro. Abanyamuryango bawushinze ni abantu baturutse mu matorero atandukanye n'imiryango idaharanira inyungu ifite umutwari w'iterambere n'imiyoborere myiza mu turere bakoreramo.

Abanyamuryango bazinjiramo ni abantu baturutse mu matorero atandukanye (denomination) y'ivugabutumwa n'abantu ku giti cyabo n'imiryango idaharanira inyungu, babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Inteko Rusange. Abanyamuryango bawushinze hamwe n'abazawinjiramo bose ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bungana no guharanira inyungu z'umuryango kimwe.

**CHAPITRE II: DES MEMBRES**

**Article 5 :**

L'association se compose des membres fondateurs signataires de ces statuts, des membres adhérant remplissant les conditions requises par les statuts, ainsi que des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs, des individus provenant des églises différentes et institutions sans but lucratifs ayant le souci d'une bonne gouvernance et du développement dans leurs zones d'action.

Sont membres adhérents sont les personnes physiques venant des églises et institutions sans but lucratif qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'organisation. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'organisation.

**CHAPTER II: MEMBERS**

**Article 5:**

The association is composed of founder members who are signatories of these statutes, affiliated members who will join the association later by accepting these statutes, and honorary members.

Founding members are individuals from different churches and nonprofit making institutions concerned with good governance and development within their workplace.

Affiliated members are individuals from different churches and non profit making institutions that accept and subscribe to the current statutes, after a written application and approval by the General Assembly.

Founding members and affiliated members are the ordinary members of the organization. They have equal rights and obligations regarding the organization.

**Ingingo ya 6:**

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Ubuyobozi bw'umuryango, bikemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari.

**Ingingo ya 7 :**

Abanyamuryango nyakuri biyemeza kugira uruhare batizigamye muri gahunda z'umuryango. Baza mu nama z'Inteko Rusange bafite uburenganzira bwo gutora. Bagomba gutanga umusanzu wemejwe n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 8 :**

Gutakaza ubunyamuryango biterwa no gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango. Usezeye ku bushake yandikira Perezida w'Umuryango, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango.

Uburyo bwo kwinjira mu muryango, kuwuvamo no kuwirukanwamo, buteganywa mu mabwiriza ngengamikorere yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

**Article 6 :**

Les demandes d'adhésion sont adressées à la Direction de l'organisation et agréées par l'Assemblée Générale à la majorité de deux tiers des membres effectifs présents.

**Article 7 :**

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer activement aux activités de l'organisation. Ils participent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative. Ils doivent verser une cotisation fixée par l'Assemblée Générale.

**Article 8 :**

La qualité de membre se perd par le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'organisation. Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président de l'organisation et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Les modalités d'adhésion, de retrait et d'exclusion d'un membre sont déterminées dans un règlement d'ordre intérieur de l'organisation adopté par l'Assemblée Générale à la majorité absolue de voix.

**Article 6:**

Applications for affiliation are sent by writing to the Directorate of the organization and are approved by the 2/3 majority of members participating to the General Assembly.

**Article 7**

Ordinary members commit themselves to participate actively to all activities of the organization. They participate to the meetings of the General Assembly with decision making vote. They commit to give contribution defined by the General Assembly.

**Article 8:**

Membership right is lost by voluntarily resign, exclusion or dissolve of the organization. The voluntarily resign is sent in writing to the President of the organization and submitted for approval by the General Assembly.

The exclusion is approved by 2/3 majority of the General Assembly towards a member who does not respect the statutes and other internal regulations of the organization.

The modalities for affiliation, resign or exclusion of a member are defined in the internal regulations of the organization adopted by the General Assembly by simple majority of votes.

### **UMUTWE WA III: UMUTUNGO**

#### **Ingingo ya 9:**

Umuryango ushobora gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.

#### **Ingingo ya 10 :**

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage n'imfashanyo zinyuranye, n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango.

#### **Ingingo ya 11 :**

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye ku bushake, yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

#### **Ingingo ya 12 :**

Igihe umuryango usheshwe, Inteko Rusange ishira umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa. Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihujwe intego.

### **CHAPITRE III : DU PATRIMOINE**

#### **Article 9 :**

L'organisation peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

#### **Article 10 :**

Le patrimoine de l'organisation est constitué par les cotisations des membres, les dons, les legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'organisation.

#### **Article 11 :**

L'organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de ses objectifs. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'organisation.

#### **Article 12 :**

En cas de dissolution, l'Assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargés de procéder à la liquidation des biens de l'association. Après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et après apurement du passif, l'actif du patrimoine est cédé à une autre organisation poursuivant objectifs similaires.

### **CHAPTER: ASSETS & LIABILITIES**

#### **Article 9:**

The organization can possess either by direct or indirect acquisition movable or immovable assets needed for the realization of its objectives.

#### **Article 10:**

The finances of the association are composed by contributions of members, gifts, legacies, grants and other resources from the activities of the organization.

#### **Article 11:**

The organization allocates its resources to activities directly or indirectly related to the realization of its goals. No member can claim any part or possession when he resigns or is excluded from the organization, neither in case of dissolution of the organization.

#### **Article 12:**

In case of dissolution of the organization, the General Assembly appoints one or many liquidators to assess the assets and liabilities of the organization. After the definition of all the treasury and payment of debts., the remnant is given to another organization which has similar objectives.

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE  
INZEGO**

**Ingingo ya 13:**

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite nyobozi, Ubuyobozi n'Ubugenzuzi bw'imali.

**IGICE CYA 1: INTEKO RUSANGE**

**Ingingo ya 14:**

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

**Ingingo ya 15:**

Inteko Rusange ihamagarwa kandi ikayoborwa n'Umuvugizi w'umuryango; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa n'Umuvugizi Wungirije w'umuryango. Iyo Umuvugizi n'Umwungirije badahari,atabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange itumizwa na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'inama.

**Ingingo ya 16:**

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama zisanzwe. Inzandiko z'ubutumire zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi 30 zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa, umunsi, itariki, isaha n'ahantu.

**CHAPITRE IV : DES ORGANES**

**Article 13 :**

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, le Comité Exécutif, la Direction et les Commissaires aux comptes.

**SECTION 1 : ASSEMBLEE GENERALE**

**Article 14 :**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres effectifs.

**Article 15 :**

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Représentant Légal de l'organisation ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Représentant Légal Suppléant. En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Représentant Légal et de son Suppléant, l'Assemblée Générale est convoquée par 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président de la session.

**Article 16 :**

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en sessions ordinaires. Les invitations contenant l'ordre du jour, la date, l'heure et le lieu, sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion.

**CHAPTER IV: THE STRUCTURE**

**Article 13:**

The structure of the association is composed of the General Assembly, the Executive Committee the Directorate and the Finance Commissioners.

**SECTION1: THE GENERAL ASSEMBLY**

**Article 14:**

The General Assembly is the highest organ of the association. It comprises of all the ordinary members.

**Article 15:**

The General Assembly is convened and chaired by the Legal Representative of the organization or, during his absence by the Deputy Legal Representative. In case of absence, unavailability or failure of both the Legal and the Deputy Legal Representative, the General Assembly is convened by 1/3 of ordinary members. Participants in such meeting elect a Chairperson among themselves.

**Article 16:**

The General Assembly meets once a year in ordinary sessions. Invitations are sent to members 30 days before the meeting and contain the agenda, the date, time and venue of the meeting.

**Ingingo ya 17:**

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi 15. icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

**Ingingo ya 18:**

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe iyo bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe n'ubw' Inteko Rusange isanzwe. icyakora, igihe cyo kuyitumira gishobora kumanurwa kugera ku minsi 7 iyo hari ikibazo cyihutirwa cyane. icyo gihe, impaka zigibwaho gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

**Ingingo ya 19:**

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu kimwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, iry'Umuvugizi rigira uburemere bw'abiri.

**Article 17 :**

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

**Article 18 :**

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Toutefois, les délais de sa convocation peuvent être réduits à 7 jours en cas d'extrême urgence.

Dans ce cas, les débats ne portent que sur la question uniquement inscrite à l'ordre du jour de l'invitation.

**Article 19:**

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux organisations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue de voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Article 17:**

The General Assembly makes valid decisions when the 2/3 of ordinary members is present. If that number is not reached, another meeting is convened within 15 days. At that meeting the General Assembly makes valid decisions despite any number of participants.

**Article 18:**

An extraordinary meeting of the General Assembly can be held any time of necessity. The procedures for invitations and running are the same as ordinary meeting. However, the period of invitation can be reduced to 7 days in case of emergency.

In that case, discussions only focus on the issue on the agenda written in the invitation letter.

**Article 19:**

Except for cases written in the law governing non profit making organizations or in these statutes, decisions of the General Assembly are made by simple majority. In case of equal votes, the President's side counts double.

**Ingingo ya 20 :**

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere;
- Gutora abagize Komite Nyobozi n'abagenzuzi b'Imari;
- Kwemeza ibyo umuryango uzakora;
- Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
- Kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
- Kwemera impano n'indagano;
- Gusesa umuryango.

**Article 20 :**

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après :

- Adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur ;
- Nommer et révoquer les membres du Comité Directeur et les commissaires aux comptes ;
- Déterminer les activités de l'organisation ;
- Admettre, suspendre et exclure un membre ;
- Approuver les comptes annuels ;
- Approuver les dons et legs ;
- Dissoudre l'organisation.

**Article 20:**

The General Assembly has the power

- To approve and modify this statutes and internal regulations;
- To appoint and dismiss members of the Management Board and Commissioners;
- To approve the organization's activities;
- To accept or suspend or excluding a member;
- To approve the annual accounts;
- To approve gifts and legacies,
- To dissolve the organization.

## IGICE CYA 2: KOMITE NYOBOZI

### Ingingo ya 21:

Komite Nyobozi ni urwego rw'ubuyobozi n'ubuvugizi by'umuryango. Rugizwe na Perezida ari nawe Umuvugizi, Visi Perezida ari na we Umuvugizi wungirije, Umubitsi, Umwanditsi n'Umujyanama umwe. Batorerwa imyaka itanu yongerwa, Rimwe gusa.

### Ingingo ya 22:

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze gatatu mu mwaka, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida wayo; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida wayo. Iterana iyo hari 2/3 by'abayigize. Iyemezo byayo bifatwa mu bwumvikane.

### Ingingo ya 23:

Komite Nyobozi ifite ububasha bwo:

1. Kugenzura ko ibyemezo by'Inteko Rusange bishyirwa mu bikorwa.
2. Kugenzura ko umurongo n'amahame shingiro by'umuryango bikurikizwa.
3. Gutegura gahunda n'ibizigwa mu Nteko Rusange.
4. Gusuzuma inyandiko z'abasaba kwinjira mu muryango mbere yo gushyikirizwa Inteko Rusange.

## SECTION 2 : DU COMITE EXECUTIF

### Article 21 :

Le Comité Exécutif est l'organe administratif et de plaidoirie de l'organisation. Ses membres sont : Le Président qui est aussi Représentant Légal, le Vice Président qui est aussi Représentant Légal Suppléant, le Trésorier, le Secrétaire et un Conseiller. Ils sont élus pour un mandat de cinq ans renouvelables.une fois pour toute.

### Article 22 :

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement trois fois par an, sur convocation et sous la présidence de son Président ou à défaut, du Représentant Légal. Il siège lorsque les 2/3 des membres sont présents. Ses décisions se prennent par consensus.

### Article 23 :

Le Comité Exécutif est chargé de :

1. Superviser l'Exécution des décisions de l'Assemblée Générale.
2. Superviser l'application de la vision et des valeurs fondamentales de l'organisation.
3. Préparer le déroulement et l'ordre du jour de l'Assemblée Générale.
4. Analyser les demandes d'adhésion des nouveaux membres avant de les soumettre à l'Assemblée Générale.

## SECTION 2: THE EXECUTIVE COMMITTEE

### Article 21:

The Executive Committee is the administration and advocacy organ. It is composed of the President who is also Legal Representative, the Vice President who is also Deputy Legal Representative, the Treasurer, the Secretary and one Advisor. They are elected for a period of five years renewable only once.

### Article 22:

The Executive Committee meets any time of necessity, but not less than twice a year; it is convened and chaired by the President or, in case of unavailability, by the Legal Representative. It makes valid decisions when the 2/3 of its members are present. The decisions are made through consensus.

### Article 23:

The Executive Committees responsible for:

1. Supervising the implementation of the General Assembly decisions.
2. Supervising the application of the vision and core values of the organization.
3. Preparing the organization and agenda of the General Assembly.
4. Analyzing applications of new members before they are submitted to the General Assembly.

5. Gufata ibyemezo by'agateganyo mu gihe Inteko Rusange itaraterana.

### **IGICE CYA 3: UBUYOBOZI BUKURU**

#### **Ingingo ya 24:**

Ubuyobozi bukuru ni urwego rw'icungamutungo n'imikorere ya buri muni. Rugizwe n'abakozi bahoraho b'umuryango, rukayoborwa n'umuyobozi mukuru. Umuyobozi Mukuru abarwa mu bagize Komite Nyobozi atagombye gutorwa. Ubuyobozi bukuru bushinzwe imirimo ikurikira:

1. Guhuza ibikorwa byose by'umuryango.
2. Gutanga raporo muri Komite Nyobozi no mu Nteko Rusange.
3. Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange.
4. Kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango.
5. Gutegura gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka n'ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Komite Nyobozi n'Inteko Rusange.
6. Gushyikiriza izo nzego ingingo z'amategeko n'amabwiriza nengamikorere zigomba guhindurwa.
7. Gutegura Inama ya Komite Nyobozi n'iy' Inteko Rusange.

5. Prendre des décisions provisoires en attendant la tenue de l'Assemblée Générale.

### **SECTION 3: LA DIRECTION GENERALE**

#### **Article 24:**

La Direction Générale est l'organe d'administration et de gestion journalière de l'organisation. Elle est composée par le staff permanent et dirigé par un Directeur General. Le Directeur General est membre ex officio du Comité Exécutif.

La Direction Générale est chargée de:

1. Assurer coordination des activités de l'organisation.
2. Soumettre des rapports au Comité Exécutif et à l'Assemblée Générale.
3. Mettre en exécution les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale.
4. Assurer la gestion quotidienne de l'association.
5. Préparer les prévisions et la planification annuelle à soumettre au Comité Exécutif et à l'Assemblée Générale.
6. Présenter aux organes compétents les propositions d'amendement des statuts et du Règlement d'Ordre Intérieur.
7. Préparer les assises du Comité Exécutif et de l'Assemblée Générale.

5. Making provisionary decisions pending the General Assembly meeting.

### **SECTION 3: THE DIRECTORATE.**

#### **Article 24:**

The Directorate is the administration and daily management body of the organization. It is composed by full time staff members under the leadership of a Director General. The Director General is ex officio member of the Executive Comité. The Directorate's duties are:

1. Regular coordination of all activities of the organization.
2. Submit reports to the Executive Comité and the General Assembly.
3. Implement the decisions and recommendations of the General Assembly.
4. Daily management of the organization.
5. Prepare plans and budget proposal to submit to the Executive Committee and the General Assembly.
6. Present to competent organs the proposed amendments of statutes and Internal Regulations.
7. Prepare the meetings of the Executive Committee and the General Assembly.



#### **IGICE CYA 4: UBUGENZUZI BW'IMARI**

##### **Ingingo ya 25:**

Abagenzuzi bafite inshingano zo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo y'umuryango no kuyikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko. Batanga raporo zabo mu Nteko Rusange.

#### **UMUTWE WA V: GUHINDURA AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO**

##### **Ingingo ya 26:**

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa bisabwe na ½ cy'abanyamuryango nyakuri.

#### **SECTION 4 : DU COMMISSARIAT AUX COMPTES**

##### **Article 25 :**

Les Commissaires aux comptes ont pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'organisation et en faire rapport. Ils ont accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'organisation. Ils rendent des comptes à l'Assemblée Générale.

#### **CHAPITRE V : MODIFICATION DES STATUTS ET DISSOLUTION DE L'ORGANISATION.**

##### **Article 26:**

Les présents statuts peuvent faire objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue de voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande de la ½ des membres effectifs.

#### **SECTION 3: COMMISSIONERS**

##### **Article 25:**

The commissioners are mandated to monitor regularly the use of funds and other assets of the association and submit appropriate report. They have access to all financial and accounts documents, without taking them out of office. They are accountable to the General Assembly.

#### **CHAPTER V: CHANGING THE STATUTES AND DISSOLVING THE ORGANIZATION.**

##### **Article 26:**

These statutes can be modified under decision of the General Assembly by simple majority, either through proposition by the Executive Committee, or through a request from ½ of ordinary members.

**Ingingo ya 27:**

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango, kuwufatanyaga n'undi muryango cyangwa kuwomeka ku wundi muryango bihuje intego.

**Ingingo ya 28:**

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

**Ingingo ya 29:**

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abashinze umuryango, amazina n'imyironzoro yabo, biri ku mugereka wayo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 12/01/2009

Umuvugizi

**NEMEYIMANA Alexis (sé)**

Umuvugizi Wungirije

**NYAMWEMA John Israel (sé)**

**Article 27:**

Sur décision de la majorité de 2/3 des voix, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'organisation, sa fusion avec une autre organisation ou son affiliation à toute autre organisation poursuivant un but analogue.

**Article 28 :**

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'organisation adopté par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix.

**Article 29 :**

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres fondateurs de l'organisation dont les noms et leurs identités sont repris en annexe.

Fait à Kigali, le 12 janvier 2009

Représentant Légal

**NEMEYIMANA Alexis (sé)**

Représentant Légal Suppléant

**NYAMWEMA John Israel (sé)**

**Article 27:**

By a decision of 2/3 majority vote, the General Assembly can proclaim the dissolution of the organization, its affiliation with another organization or inclusion into another organization having a similar goal.

**Article 28:**

The procedures for implementation of these statutes and other matters not mentioned here are defined in the internal regulations of the organization approved by the General Assembly on simple majority of votes.

**Article 29:**

These statutes are approved and accepted by the founder members of the organization whose names are shown on an attached list.

Done at Kigali, on 12<sup>th</sup> January 2009

Legal Representative

**NEMEYIMANA Alexis (sé)**

Deputy Legal Representative

**NYAMWEMA John Israel (sé)**

**INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YA T.L.C. YO KUWA 18/02/2011**

**IBIRI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. P.V. y'ubushize
2. Raporo
3. Ikibazo cy'imodoka
4. Abakorera bushake
5. Ingengo y'imari ya 2011
6. Amabwiriza ngenga mikorere ( icingamari)
7. Ivuga butumwa rivuga

Inama yayobowe n'Umuvugizi wa T.L.C yatangiye ashimira abaje mu Inama;

Inama yatangiye n'isengesho riyobowe na Rev. Nyamwema.

I.1. Ku bugororangingo bwa P.v. y'Inama yo kuwa 04/12/2010 Inama yasanze ikibazo cyo gukomeza gukurikirana iby'umubonano na EEAR Atari ikibazo cyihutirwa cyane ahubwo hagomba gukurikirana ibiteza umuryango T.L.C. Imbere.

II.1. Raporo y'uburyo imirimo yifashe

Abari mu Inama basobanuriwe uko Imirimo ihagaze, basobanururwa ko Imirimo igenda neza ariko ko hakenewe ahandi hantu, kuko nkisomero rimaze kuba rinini.

Banasobanuriwe ko hari abantu babiri bemeye kwitanga kumukuzi wo gukora muri iryo somero abo bafashije batanze 6000\$ ariko muri aya mafaranga hakaba harimo amafaranga ajyanye na mahugurwa.

Imiryango yafashije ni AGRI& M.C.C, kandi hakaba hari n'ibitabo 10.000 bitegerejwe.

2. Ibitabo bya T.E.E. birahari ariko ariko ntabwo bigurwa hakenewe uburyo bwo gukora kugira ngo hafatwe ingamba z'ibyakorwa.

3. Inama imaze gusuzuma ibimaze kuvugwa muri iyi raporo yasanze ijamba abakorera bushake ryavaho ahubwo bakaba abakozi bemewe kugira ngo bakorerwe ibijyanye n'abakozi.

Inama yemeje ko umukozi tuzajya tumuhemba dukurikije ubushobozi dufite.

III. Imodoka: Inama yemejeko inama imodoka ikomeza kuba kwisoko kugeza ubwo izabona umuguzi.

IV. 1. Ibijyanye n'ingengo y'imari n'abakorera bushake:

Inama yemeje ko ingengo y'imari igomba gukorwa, kandi ko abitwa abakorera bushake bagomba kuvaho ahubwo hakabaho abakozi bajyanye n'ubushobozi bwa T.L.C ari nayo mpamvu bahawe n'iminsi yo gukora aribo Hakizimana Jean Baptiste ugomba gukora iminsi itatu mu cyumweru, mu isomero ry'abana kimwe n'indi mirimo ya T.L.C. na Mukamanzi Thérèse nawe ugomba gukora iminsi itatu mu cyumweru, bityo Inama ikaba yemeje ko Hakizimana Jean Baptiste agomba guhembwa 90,000frw ibihumbi miringo cyenda. Na Mukamanzi Thérèse agahabwa 75,000frw miringo irindwi na bitanu kandi aya mafaranga agakurwaho imisoro.

2. Umunyamabanga uhoraho wa T.L.C. agahabwa iminsi ibiri yo gukora kandi agakomeza kuvuganira umuryango, kdi ku mafaranga yinjije agahabwa 10% yayo.

V. Amabwiriza agenga umutungo : Hagomba gushirwaho amabwiriza agenga umuryango muburyo bwo gucunga umutungo.

- mu gihe amabwiriza ataranosorwa kuri konti hajya hasinya Umuvugizi w'umuryango hamwe n'undi umwe mu bakozi ba T.L.C. kuko uwari umubitsi abaye umukozi guhera mu kwezi kwa gatatu.

VI. Ivugabutumwa (Radio) : abari mu nama bemeje ko ubutumwa bwiza butangwa kandi bugatangwa ku matorero yahuguwe. Bakajya bazana raporo kuri T.L.C kugira ngo harebwe umusaruro.

Inama yarangiye saa 13h 30 isoje n'Isengesho riyobowe na Mukamanzi Thérèse.

**Umuyobozi w'Inama : Nemeyimana Alexis (sé)**

**Umwanditsi: Ndagijimana Jean Dieu (sé)**

**INAMA YA KOMITE NYOBOZI YA T.L.C. YO KUWA 04/12/2010**  
**IBIRI KU MURONGO W' IBYIGWA**

1. Gusenga
2. P.V. y'ubushize
3. Raporo y'imirimu
4. Planification ya 2011-2012
5. Raporo y'umutungo wa T.L.C.
6. Imodoka
7. Ibintu n'ibindi

Inama yayobowe n'Umuvugizi w'umuryango T.L.C.

I.1. Inama yatangijwe n'isengesho riyobowe na Nzabonantuma Puers hakurikiyeho Ijambo ry'Imana ryasomwe n'Umuvugizi wa T.L.C. Imigani 16:1

Yasobanuye iri jambo agira ati : ibyo dukora ni byinshi ariko ibyo dusohoza bikorwa n'Imana, kuko niyo idufasha kubishyira mu bikorwa.

V3= Imirimu yacu yose tugomba kuyiharira Imana ubushobozi bwacu aho bugarukira ni ukuzana imigambi yacu tukayishyikiriza Imana.

Dutegereze igisubizo cy'Imana twihanganye, kandi tugire kwizera ko ibyo Imana yateguye bizatugeraho, Iri jambo ry'Imana ryasojwe n'isengesho riyobowe na REV. Karemera.

II.1. Hamaze gusomwa P.V. ya 14/01/2010, abari mu Inama bemeje ko iyi nama yakozwe ntakintu na kimwe cyibagiranye, hanyuma iremezwa, ariko ikorerwa ubugororangingo.

2. kukibazo cyuko hari hashyizweho komisiyo ya T.L.C. yo kujya kubonana nubuyozzi bwa E.E.A.R. abari mu Inama bahawe raporo n'Umuvugizi wa T.L.C. ko yagiye kubona n'umuvugizi bwa E.E.A.R. abwirwa ko ibyo bwifuzwa byabwiwe umuhuza bikorwa wa T.L.C.

Umuhuza bikorwa wa T.L.C. yavuzeko ubusobanuro yahawe budasobanutse neza ko hakenewe ibindi biganiri ku mpande zombi.

3. Ikibazo cyo kwishyura amafaranga : abatwemeje kuyashaka bese bagaragaje ko amafaranga ya rigishijwe nabari bayahawe.

Abari munama bagabyeko amatsinda yagaragaza munyandiko uburyo amafaranga yakoreshejwe.

III.1. Hatanzwe raporo y'imirimu uko yakozwe kandi hanatangwa n'ibyifuzo. Muri raporo hagaragajwe amahurwa yakozwe numwe mubakorera bushake ba T.L.C. avugako nyuma yayo mahugurwa T.L.C. yahawe ama radio 50 yigisha ijamba ry'Imana, hakaba hakenewe ubushobozi kugirango hahugurwe abantu bazakoresha iri jambo ry'Imana n'uburyo bwo gutanga raporo.

Inama yemejeko Abakorera bushake bazaba abambere bagiye gutanga akazi.

IV.1. Hatanzwe action Plan ya 2011 kandi abari munama barayishimye.

V. Raporo ijyanye n'umutungo abari munama basabye ko haba raporo isobanutse neza.

VI. Kukibazo cy'Imodoka Umunyamabanga nshingwa bikorwa wa T.L.C. yagaragaje impungenge zuko imodoka iruhije, bityo aagasabako ya gushyirwa.

Abari munama bemejeko imodoka igurishwa, kandi ko ishakirwa umuguzi.

N.B. Iyi modoka igomba kugurishwa kugirango hashakwe aho gukorera, kandi ikagurishwa hagati ya miriyoni eshatu n'igice kugeza kuri miriyoni enye n'igice.

**IBINTU N'IBINDI**

VII. E.T.D. Inama yasabye ko iki kibazo cyakomeza gukurikiranwa kuburyo munama itaha hakwigwa neza imikorere yayo ( uburyo yakora)

Herekaywe ibyangobwa bimaze kuboneka byo muri MINALOC.

Abari mu nama basabye ko nibaharahantu hagiye guhugurwa bigomba kumenyeshwa aba members ba T.L.C. kugirango bamenye ibiri gukorwa.

Inama yemejeko Biblia z'isezerano rishya zakoresheya itangiriye mu matorero yacu twebwe abagize umuryango T.L.C.

Inama isojwe hashimirwa abakozi b'umuryango T.L.C. kuko bakoze neza kandi bagakora uko bashoboye kose.

Inama yasojwe n'Isengesho riyobowe na Mukansanga Stephanie

**Umuyobozi w'Inama**

**REV. Nemeyimana Alexis (sé)**

**Umwanditsi**

**Ndagijimana Jean Dieu (sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 39/08.11  
RYO KUWA 25/03/2011 RIHA  
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO « HOLY  
NATION ISHYANGA RYERA » KANDI  
RYEMERA ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N° 39/08.11  
OF 25/03/2011 GRATING LEGAL STATUS  
TO THE ASSOCIATION « HOLY NATION  
ISHYANGA RYERA » AND APPROVING  
ITS LEGAL REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 39/08.11  
DU 25/03/2011 ACCORDANT LA  
PERSONNALITE CIVILE A  
L'ASSOCIATION « HOLY NATION  
ISHYANGA RYERA » ET PORTANT  
AGREMENT DE SES REPRESENTANTS  
LEGAUX**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Izina n'icyicaro  
by'umuryango

**Article One:** Name and Head Office of the  
Association

**Article premier :** Dénomination et siège d  
l'association

**Ingingo ya 2:** Intego z'umuryango

**Article 2:** Objectives of the Association

**Article 2 :** Objectifs de l'association

**Ingingo ya 3:** Abavugizi b'umuryango

**Article 3:** Legal Representatives

**Article 3 :** Représentants Légaux

**Ingingo ya 4:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**Article 4:** Commencement

**Article 4 :** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 39/08.11  
RYO KUWA 25/03/2011 RIHA  
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO « HOLY  
NATION ISHYANGA RYERA » KANDI  
RYEMERA ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N° 39/08.11  
OF 25/03/2011 GRATING LEGAL STATUS  
TO THE ASSOCIATION « HOLY NATION  
ISHYANGA RYERA » AND APPROVING ITS  
LEGAL REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 39/08.11  
DU 25/03/2011 ACCORDANT LA  
PERSONNALITE CIVILE A  
L'ASSOCIATION « HOLY NATION  
ISHYANGA RYERA » ET PORTANT  
AGREMENT DE SES REPRESENTANTS  
LEGAUX**

**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta.**

**The Minister of Justice/Attorney General,**

**Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguye kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20 ;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, Relating to Non Profit Making Organizations especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Vu la loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

